UMURAVA Magazine

N° 10

X0243993 21024

100Frw. bis

YA NTAMBARA NDWANA IGEZE MU MAHINA.

IJAMBO RY'IBANZE

Ubushize nababwiye ko ngarutse ndwana intambara itoroshye, kuko nabonage ibintegereje imbere kandi nsanzwe nzi ko abo twakoranye mu MURAVA bazahaguruka bakansabota bagira ngo bambuze kuvuga ibitabashimishije bishingikirije ibinani oyene wabo.

Mwabonye inyandiko Mongi Tito yasohoye tariki 19/08/92. Iyo nyandiko nkaba ikubiye mu kinyamakuru yise UMURAVA Magazine. Nkaba narakinenzeho ko mu nyandiko zagisohotsemo, izifite uwazanditse ntizirenze ebyiri gusa. Izindi zose nasanze ari taragiti zitukana nk'aho ari abasazi cyangwa abashumba bazanditse. Ibyo gutukana si ngombwa kuko kwerekana uko umuntu ameze n'ibyo akora uhita umenya uwo ari we bitakugoye.

Mongi Tito yikingirije Simbikangwa na Pasiteri Musaza yishyize hanze avuga ko ndi igicucu kandi ngo nkaba nshakishwa, ibyo yavuze harimo ukuri guke ku

byerekeye uko gushakishwa. Ni koko interahamwe ziranshakisha ngo zinyiranguze, ariko nta butegetsi bunshaka. Si naba nshakishwa n'ubutegetsi ngo nsohore ikinyamakuru n'amafoto yanjye. Ubundi kandi nashakishwa ari uko mfite ikosa. Nta kindi ntinya uretse mwebwe interahamwe. Icyo mbasaba ni ukugaragaza uburyo wowe waba warampaye akazi kandi ari njye ari nawe twembi turi abafondateri b'UMURAVA Magazine wo muri Mata 1991. Wivugiye ko wawuvuyemo mbere yanjye ariko ngo udashaka ko dufatanya ugashinga icyitwa "PANORAMIQUE" nsigarana UMURAVA. Wawugarutsemo ute? Uzihangane usohore Panoramique usubize ibyo

MBERE YO GUSEKERA ABANYARWANDA BAKIZE INTERAHAMWE NA C.D.R NIBA WANZE BAGUFATE UFUNGWE HANYUMA UBWICANYI BUHAGARARE

CASE NO: ICTR-98-41-T
EXHIBIT NO: DNS 57A
DATE ADMITTED: 23-9-2004
TENDERED BY: DEFENCE
NAME OF WITNESS:

bibazo byose, naho agatsiko kanyu ndakazi. Erega nari mbarimo mbazi Kandi mwese twarakoranye ntimwambeshya kandi ntimwankanga ngo ni uko mufite imbunda.

Ahasigaye nimuve inyuma y'izi mvururu muteza mu gihugu mureke kwica inzirakarengane mu Rwanda. Babahige babafate mufungwe abateye ingugu (Rwaserera) babaye ibihano bibakwiye kuko igihugu si akarima k'umuntu ahubwo ni icya bene Kanyarwanda. Niba na Perezida adatanze itegeko ngo abakomeza kumena amaraso bamwitwaje ngo bafatwe bahanwe, niwe uzafatirwa ibihano bikwiye, kuko nta mukuru w'igihugu cyambitse imbaraga zo kukiyobora wafata iya mbere

août

K0243994
21023 bis
(11)

uko ba Nzirorera batashye, Katabarwa Andereya yisezerera ku buryo butunguranye, Ntagerura yinjira adakomanze. Wabaye wariyangiye!!!!

NDAYABONA Alexis.

Uyu yavanywe ku kazi n'ubusinzi. Yabaza urwagwa irangwa.

Habyarimana Yuvenali nave inyuma y'izi mvururu niba abyanze afatwe afungwe amahoro agaruke

Habyarimana va inyuma y'izi mvururu cyangwa unyura inzira wanyujijemo KAYIBANDA.

Banyarwanda Banyarwandakazi, nyuma y'inyandiko nabagejejeho isobanura uko amaraso yamenekeye ku irembo rya Perezida Habyarimana igihe yari yacyuje ubukwe ku ya 9/8/92, namusabye kuva inyuma y'izi mvururu ngo zihoshe. Ni uko nziko izo mvururu ziterwa n'interahamwe ziba zigizwe akenshi n'abasivili bavanze n'abasilikare babyitangiye, bakaba bakabakaba kuri 75. Muri izo nterahamwe harimo abakozi ba Leta; ab'ingenzi na none babyitangiye ni abantu b'ibyegera ba Perezida Habyarimana. Urugero ni nka N[illegible]rivamunda Alphonse umukwe we na Libanje Rubogo nawe ufitanye isano na ba Ndagari bitereye umutwe batunze n'amakarita y'i Ndera.

INZITIZI Y'AMAHORO MU RWANDA IRACYASHINZE IMIZI.

Abagabo b'ibyegera bayobowe na Ntirivamunda, uwitwa Nda-ngari Christophe mu gitondo cy'uwa 14/8/92 bahamagawe na cya kimuga kinnya aho kiri cyitwa Simbikangwa Pasikali bahurira kuri MINISUPRES mu modoka y'icyo kimuga bemeza ko nta mukozi uzitabira umurimo kuwa mbere tariki ya 17/08/92 bategenya ko Ntirivamunda akoresheje za Katalipirari azafunga imihanda, akamena igitaka mu mihanda yose imodoka zitwara abakozi zigomba kunyuramo. Ntirivamunda yatumije imodoka mu Ruhengeri ayobya uburari ngo zizamene igitaka mu mihanda, icya mbere zikimena kuri ONATRACOM mu ma saa sita z'ijoro, ni nako kuwa gatanu akoresheje imodoka za Projet z'abadage yagennye imodoka itwara Nda-ngari Christophe wiriwe azerera umujyi wose ararikira abakozi kujya mu nama ni mugoroba. Ko kandi batazitabira umurimo ku ya 17/08/92. Bateraniye kuri sitade ya Kigali bemeza ko bazafunga imihanda kandi bagasiba akazi.

Igitaka Ntirivamunda yafungishije umuhanda wo kuri ONATRACOM ubu nicyo abaturage barimo kubumbamo amatafari. Iyo turebye ibikorwa nk'ibyo bigandisha bigamije guteza imvururu mu gihugu bikorwa n'ibyegera cyangwa abafitanye ubumwe na Perezida Habyarimana, dusanga biruhije kugira ngo amahoro agaruke mu Rwanda kuko nta wahakana ko yaba atari inyuma y'ibyo bikorwa biteye isoni, bigamije gutera imvururu mu gihugu.

21022 bis K0243995

yane cyane ibirimo umukwe e. Dore nawe imodoka itwara abajya guteza mvururu, inyinshi zihabwa ssence na Ntirivamunda kuri ons za Ponts et Chaussées, 'imodoka nyinshi niwe. zitanga akoresheje mafaranga yo muri cya igega kidakontororwa cya ond routier no gukwiza za ers à béton mu nterahamwe.

Iyo tubona ibi byose akora bigamije kuzana umwuka mubi mu gihugu bituma imvururu ziba urudaca, twibaza impamvu Sebukwe abimenya ntamwamagane. Niyo np u abaturage twese twagombye gushyira mu gaciro kumvisha Habyarimana ko i... gihugu cyamukamiye imyaka 30 yose agitegeka ko rero adakwiriye kwihisha inyuma y'imvururu zigamije kigisenya. Yakwanga kuzihosha agafatwa agafungwa kugira ngo amahoro agaruke.

GUSUBIRANISHAMO ABANYA-RWANDA SIKO GUKUNDA IGIHUGU.

Abanyarwanda twese tuzi mvururu zabaye mu Bugesera, i Murambi kwa Gatete interahamwe n° 2 kuri Habyarimana nk'uko abivugira, izabaye mu mujyi Kigali, I Runda i tarama, Ruhengeri n'abandi zose zikaba zitegurwa n'abantu b'ibihangange bagize ka KAZU gateye igihugu inkeke, nkaba ntabura kugaragaza ko mu nterahamwe zagiye mu Bugesera ziri muri HIACE harimo abasilikare bafite imbunda bita Masotera, essence yo gutwika amazu yatwarwaga na NGEZE Hassani Wayisitokaga kwa Burugumesiriti RWAMBUKA wayogoje u Bugesera.

Abateguye izi mvururu ziba mu gihugu bagizwe n'interahamwe zabyiyemeje. Abo ni Habyarimana Juvenali Perezida wa MRND, Barayagwiza J.Bosco wahoze ari Dirgéral wa Affaires Politiques muri MINAFET ubu akaba ari UMUCDR, Bucyana Martin Diregiteri wa Papeterie du Rwanda i Zaza Perezida wa CDR, Ngirumpatse Matayo, Zigiranyirazo Protazi, Rwabukumba Serafini, Nzirorera Yosefu Depite wa Ruhengeri, Serubuga Lawurenti wari Umugaba w'Ingabo z'u Rwanda, Sagatwa Eliyasi muramu wa Habyarimana, Uwimana Alufonsi, Mme Rushingabigwi Shantali, Ntirivamunda Alufonsi, Renzaho Tarisisi Perefe w'Umujyi wa Kigali, Rwambuka, Gatete, Simbikangwa Pasikali ikimuga kitava aho kiri kikaba Chef de service muri Perezidansi

Ikigataka cyamonwe mu muhanda nu MUKWE WI KINANI " NTILIYAMUNDA".

kikaba muramu wa Sagatwa, Ribanje RUBOGO ufitanye igisanira na Perezida wa MRND, Musabe Pasiteri muramu wa Kol.Bagosora uwa kabiri kuri Minisitiri w'Ingabo z'igihugu, Diregiteri wa B.C.R., Bizimungu Casimir Minisitiri w'Ubuzima akaba n'umujyanama w'umwihariko w'Ikinani, Rucagu Bonifasi Depite mu Ruhengeri na Nzabagerageza Karoli, Seyoboka Damiyani Depite wa Gisenyi wagiye ayobora interahamwe zagiye mu Bugesera, Rugira Amandini Depite wa Butare, Mbonabaryi Noheri bita "CO-NSHOMA" Depite wa Gisenyi akaba na se wa batisimu w'Ikinani, umukwe wa Mbonabaryi witwa Aloyizi.

Abo nibo bategura akaduruvayo mu mpande zose z'igihugu bakabifashwamo n'interahamwe nkuru z'abasilikare ziyobora ibigo bikomeye n'izahoze zibiyobora. Abo ni nka Major Nkundiye utegeka ikigo cy'aba GP kirinda Perezida Habyarimana na Kol. Bagosora wategekaga ikigo Camp Koloneri MAYUYA ubu akaba ari we usimbura Minisitiri w'Ingabo James Gasana.

Muribuka rero ko u Bugesera bwatwitswe amanywa n'ijoro muri guverinoma ya Nsanzimana, iyo igumaho nta mututsi cyangwa abatavuga rumwe na MRND baba bakiri mu gihugu, bityo icyifuzo cyo gushyigikira politiki ishingiye ku mashyaka menshi kikaba kizimye mu Rwanda. Mwari muzi ko intera-hamwe z'abasilikare bava muri ibyo bigo naVuze haruguru ziba

zifite ibyuma bita Bayoneti, imbunda za Masotera n'imigozi bita KORUDERETE! Uwo mutwe w'interahamwe ukaba uri mo abageze kuri 75 b'abasilikare kabuhariwe bava muri bya bigo bibiri bikomeye navuze. Mwari muzi ko igitero cyari cyafunze umuhanda muri Komine Mukingo kwa Kajerijeri Nzirorera na Ntirivamunda ko bitagombaga kumara iminsi ibiri? Ahubwo cyari gikomejwe n'abasilikare barenga 30 bafite imbunda na bya byuma. Burya interahamwe ntizakora biriya zikora, zibiterwa n'icyizere cy'abo basilikare. Abo kandi nibo 'arinda umukuru w'igihugu.

Kuri 28/05/92 dufunga umujyi twari . dufite abasilikare bageze kuri 60. Bamwe muri bo nibo bakubise Dr. MUGENZI wa Pharmacie UMURAVUMBA bamuhoye ko ari umurwanashyaka wa MDR. Yarakanzwe arumvishwa, arakandwa karahava. Iyo batabamo nta nduru zari kuvuga mu mujyi. Mu bitero byabaye ntitwakwibagirwa icyabaye ku giti cy'inyoni. Interahamwe zafunze umuhanda zitwaje amahiri, ibyuma bya Bayoneti na za ferabeto n'imbunda zarimo. Nyamara ababifatanwa ntibakurikiranwa. Ahubwo numvise mu ijoro ryo kuwa 22 rishyira 23/08/92 ko Ngirumpatse Matayo azishimira ngo zifite disipuline. Disipuline zifite ni iyo kurangiza ibyo baba bazitegetse. Ubwo se zakomerekeje bangahe ku giti cy'inyoni? Zambuye abantu bangahe, bamenagura imodoka zingahe? Aho niho mpera nsaba : ko ubutegetsi bushinzwe kurengera abantu bwagereranya ayo maraso amenekera ubusa bitewe n'umuntu umwe bugafata ibyemezo bukarenganura ikiremwamuntu tutarashira, ubitera ari we Habyarimana udashaka ko imidugararo ihagarara agafatwa agafungwa amahoro akagaruka mu gihugu. Abandi tutakwibagirwa ni bariya bamufasha gukora amapula yo kumena amaraso no gufunga imihanda kimwe n'abashyira izo pula mu bikorwa bagakurwa mu myanya y'ubutegetsi barimo kuko ariyo ibatera urugomo rwo kumara abantu. Ahasigaye bagakurikiranwa mu nkiko.

N'UWENDEYE NYINA IKUZIMU YARAMENYEKANYE.

Ntarasoza iyi nyandiko rer ka mbibire ibanga; kuko n'UWENDEYE NYINA IKUZIMU YARAMENYEKANYE.

Mwari muzi ko tariki ya mbere Kanama 1992 hari umu GP waguye hafi ya Prémature azize , imbunda NZIRORERA yahaye umugoriye we ngo ajye ayitemberana! Kuri iyo tariki yateranye umugaryo n'uwo mu GP aramwasa. Byari bigiye kuba ibanga haca hacye. Major Nkundiye utegeka aba GP na NZIRORERA bashatse gusibanganya urupfu rw'uwo mu GP ngo bitamenyekana, iyo hatagira aba GP babibonye. Baravuze bati: "Major nubi-sibanganya, nawe ntituzaku-rebera izuba n'ubwo uri umutegetsi bwose".

Ubwo badutse no mu ba GP rero karabaye!!

UBUGOME N'UBWICANYI TUVUGA, HABYARIMANA ARABUHAKANA ATE KANDI IBIMENYETSO BIHARI.

Mu minsi ishize, abanya-rwanda mwese muribuka ko za bombe na za mine zatu-rikaga buri munsi i Kigali, ntawigeze afatwa ngo ashyi-rwe ahagaragara kuko zatega-gwa ninjoro mu gihe cya couvre-feu. Ntawundi wagira-ga uburenganzira bwo gute-mbera ninjoro. uretse abasi-likare n'abambari ba MRND bari bafite impapuro z'inzira bise "Opération Hirondelle". Birumvikana ko ntawundi wabitegaga ninjoro, ko ntan'umwe bigeze bafata wundu. uwo bazabyegekeho ni nde? Byakomeje gutegwa abaturiye umujyi wa Kigali na Nyanza bapfa ubutitsa. Ngizo za mine zaturitse muri gare aho bategera imodoka, ngizo muri tagisi zigendera, ngizo mu nkengero z'umujyi wa Nyanza, ngizo mu Bugesera. Abanyamashyaka bageze aho bababara baraturika baravuga. Bemeza ko nta bandi batega ibyo bisasu atari abafite uburenganzira bwo kugenda amajoro. Bati: "Niba ibyo bisasu bitegwa n'inkotanyi n'ibyitso byazo, ubusanzwe ko tuzi ko zirwanya MRND ni kuki ibisasu bitegwa ahatari abarwanashyaka ba MRND bigategwa aho itiganje?" Sibwo beruye bakavuga ko ari amayeri ya MRND ikoresha ngo itaranya abanyarwanda. Ababitegaga nabo bahise bahindura imigirire bati reka tugane no ku Gisenyi aho MRND yiganje. Uwo bagihaye agitega mu musarane amaze kwituma avamo yiruka ngo bakimutumye. Igisasu gisigara kimuturika mu nyuma. Ubwo inkuru iramamara ngo inkotanyi zahinduye isura y'intambara zageze ku Gisenyi. Byahe byo kajya!!! TWARABIMENYE BYOSE, none se aho wa munyamerika agereye ino agasiga atanze gasopo ko nihongera kugira igisasu giturika, abafite uburenganzira bwo gutembera amajoro bazabibazwa, hongeye guturika mine zingahe? Zaroreye hafashwe nde? N'ubu uwaduha Imana ikamugarura mu Rwanda akavuga ko uzongera gutera grenade mu gihugu abategetsi bazabyiyandikaho, ababikora bahita babireka imvururu zigahosha. Ibyo ntibishobotse rero ngo agaruke mu rwanda. Ni kuki Perezida Habyarimana wa MRND atafatwa ngo afungwe ko byose babikora ari we bishingikirijeho? Burya iyo

bavuga ko u Rwanda rutagendera ku mategeko ntibaba babeshye; kuko hari abarebwa n'amategeko n'abo atareba. Kandi imbere y'amategeko abantu bose bareshya. None se Perezida wa Repubulika ko ari we uri hejuru y'amategeko n'ibintu byose mu Rwanda wamuhanisha irihe tegeko? Nyamara Perezida wa MRND ari munsi y'amategeko nk'abandi.
Niba anyuranyije n'amategeko ahagarariye ari Perezida wa Repubulika? Igihe ari Perezida wa MRND agateza akaduruvayo mu gihugu ibimenyetso bibonetse yabuzwa n'iki gufatwa ngo afungwe? Abishingikiriza kuri Perezida Habyarimana bagakora ibikorwa byangiza izina rye bikaviramo abandi kumererwa nabi ni benshi. Ariko muri bo nsanga nka Ntirivamunda umukwe we n'agatsiko kamugenderaho bitabaye kwishingkiriza kuri Sebukwe yatinyuka gufunga ikigo nka Ponts et Chaussées kubera kwanga convocation imutumira kwitaba Parike ngo yisobanure ku mvururu amaze iminsi ateza mu gihugu? Bitabaye kugandisha yakwanga gutanga imfunguzo z'ibiro abona n'abafite igarade isumba iye bazitanze, agafata ibiro bya Leta akabigira ibye nk'aho ari intekeshwa ya se?
Atishingikirije Sebukwe yatinyuka gufata imodoka zikoreshwa zikoreshwa mu milimo yo kugandisha abakozi ba Leta. zikarara zikora ijoro ryose ari iza Leta,essence ari iya Leta, ari nayo izahemba abazitwara, maze zigafunga imihanda? Ubwo se atari umukwe wa Jenerali yarara hanze adatashye muri 1930, ntarihishwe ibyo yangije; yatumirwa ngo keretse arashe abarinda umutekano.

Ariko nimubareke tuzareba amaherezo. Rero numvise kuri Radiyo Rwanda Burugumesitiri Kajerijeri avuga ngo bubahiriza ikiremwamuntu kandi aregwa abo yagiye ahamba ari bazima.

Tubateze amaso!!!

Afrika Janvier.

MUMENYE KO NDI MU MAZI ABIRA.

Mu numero ishize y'iki kinyamakuru nari nabasezeranyije ko nzabagezaho ikiganiro nagiranye n'abana bababajwe n'uko babyawe hanze na Perezida wa MRND ari we Habyarimana. Yuvenali ariko bakaba badafashwe nk'abana ba Perezida. Nko kuba nta munani bizeye kuri se, kandi n'aho bari batizewe n'abo babitirira.. Kuba nta mashuri babona kandi byari ngombwa.

Nari narakoze inyandiko ndende, mfata n'amajwi ya bamwe muri bo, mu gitero cyageze iwanjye kuwa 16/8/92, nagize amahirwe kuko cyasanze ntahari. Iwanjye hageze imodoka ebyiri imwe ifite plaque GB 2476, indi ifite plaque GB 2350. Batwaye inyandiko zose basanze iwanjye, batwara n'akuma mfatisha amajwi n'inyandiko nari narakoze kuri abo bana. Basize igipapuro iwanjye kitagira sinyatire.

Mu bana nari nashoboye kuvugana nabo navuga nka NIYONIZEYE Dieudonné uri ku izina rya NIYONIZEYE Denys. Kubera iyi taragite nasanze

K0243997

imuhira kandi nkaba nzi amatwara ya Simbikangwa n'abo akorera, nta gushidikanya buriya uko babivuze tuzabonana; naho imvugo y'abo bana yo ntikibonetse ubu bagomba kuba bari mu mazi abira. Ariko rero igihe batari bampitana ntakizatuma ntavuga ukuri kuko niyemeje kuzakuzira.

21020 bis

Gukomeza gushingira kuri politiki y'ikinyoma, ubwicanyi, amacenga n'akarimi keza bimaze kurambira abantu.

Afrika Janvier.

Wowe AFRIKA Janvier, tugeze hano tugushaka,
n'ubwo tutakubonye, umenye !!!
Ibyo wasohoye mu kinyamakuru UMURAVA Magazine
n° 9 cyo kuwa 15/08/92 uvuga kuri Perezida wa Repulika
na NKUNDABATWARE, utegenya kuzasohora ibindi mu
numero itaha, ugize ikindi usohora utabaho uzatungwe.
Ahubwo uzabe wasezeye k'ubuzima bwawe uzi ko turi
kino. Haba n'ijoro cyangwa ku manywa, tuzaruha duhora.

N.B. Nyamara kumoka kw'imbwa [illegible] kurya ibye [illegible]ra.